REPUBULIKA Y'U RWANDA

Kayonza, kuwa 07/01/2019

No.....241...../07.05.04

08/01/19

Kayonza District
Reception Mayor's Office
Date........7/01/2019
Signature..........

INTARA Y'IBURASIRAZUBA
AKARERE KA KAYONZA
P.O.BOX 03 RWAMAGANA
kayonzadistrict@minaloc.gov.rw

08 JAN 2019

**Bwana Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba**
**RWAMAGANA**

**IMPAMVU**: Kohereza Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka **KAYONZA**

**Bwana Guverineri,**

Nejejwe no kubandikira ngirango mbagezeho Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kayonza yateranye tariki ya 28/12/2018.

Mugire amahoro.

**MUKAMUYENZI Valentine**
Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka **KAYONZA**

**Bimenyeshejwe:**
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  **KIGALI**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka
  **KAYONZA**

**IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAYONZA YO KUWA 28/12/2018**

Inama yatangiye saa yine n'iminota cumi n'irindwi (10h17) ibera ku cyicaro cy'Akarere ka Kayonza mu cyumba kinini cy'inama, iyoborwa n'Umuyobozi w'Inama Njyanama Madame **MUKAMUYENZI Valentine**.

Ubwitabire bwari Abajyanama makumyabiri na batatu kuri makumyabiri na batandatu bagize Inama Njyanama bahwanye na 88,4% by'ubwitabire.

## ABAJYANAMA BATITABIRIYE N'IMPAMVU

1. Bwana KANAMUGIRE Pascal: yatanze impamvu z'akazi, yari yasabye uruhushya mbere kandi yarwemerewe n'Umuyobozi w'Inama Njyanama.

2. Bwana MUTANGANA Eugene: yatanze impamvu z'akazi, yabimenyesheje mbere Umuyobozi w'Inama Njyanama nawe yamwemereye uruhushya.

3. Madame MUKAKABANO Evelyne: yari arwaje umubyeyi we, yasabye uruhushya mbere kandi yarwemerewe n'Umuyobozi w'Inama Njyanama.

## ABANDI BARI BATUMIWE MU NAMA NJYANAMA

- Abagize inzego z'Umutekano mu Karere ka Kayonza
- Abayobozi b'Inama Njyanama z'Imirenge igize Akarere ka Kayonza
- Abayobozi b'amashami mu Karere ka Kayonza
- Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge igize Akarere ka Kayonza.

Inama yatangijwe n'indirimbo yubahiriza Igihugu, nyuma Umuyobozi w'Inama Njyanama yahaye ikaze abitabiriye Inama Njyanama bose abagezaho ingingo zari buganirweho asaba Abajyanama bafite ingingo zihutirwa kuzitanga mu ngingo y'ibindi, maze ingingo zaganiriweho ziba izi zikurikira:

1. Gusuzuma no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 28/09/2018 no kugezwaho ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yafatiwemo, no kugezwaho imyanzuro yafatiwe mu mwiherero wo kuwa 24-25/11/2018;
2. Kugezwaho na Komite Nyobozi raporo y'ibikorwa byayo by'amezi atandatu (6) ashize (Nyakanga-Ukuboza) n'aho Imihigo y'Akarere 2018-2019 igeze ishyirwa mu bikorwa (progress);
3. Kugezwaho raporo kuri Human Security Issues no kunoza ingamba zo kubikurikirana;
4. Gusuzuma no kwemeza inyandiko zikurikira: District Development Strategy (DDS) n'iteganyabikorwa ry'Umuganda 2018-2019;
5. Kugezwaho raporo za Komisiyo z'Inama Njyanama;
6. Ibindi:

- Kuganira no gufata umwanzuro ku mabaruwa yanditswe na Komite Nyobozi ku mishinga ya RFTC, SOYCO na SURUDI;
- Kwemeza ko Umuyobozi Mukuru w'Ibitaro by'Akarere bya Gahini ajya muri Board ya Farumasi y'Akarere ka Kayonza;
- Gutegura icyumweru cyahariwe Umujyanama mu Nama Njyanama y'Akarere ka Kayonza
- Uruhare rw'Inama Njyanama z'Imirenge n'Utugari mu kwesa Imihigo y'Akarere ka Kayonza

**KWIGA INGINGO KU YINDI**

➢ **INGINGO YA MBERE**

**UMWANZURO WA 1**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama yagejeje kubari mu nama inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 28/09/2018, abari mu nama bayunguranaho ibitekerezo bayikorera ubugororangingo maze inyandikomvugo yemezwa ku bwumvikane busesuye.

**UMWANZURO WA 2**

Umujyanama akaba n'Umuyobozi w'Akarere yagejeje kubari mu nama uko imyanzuro yafatiwe mu Nama Njyanama yo kuwa 28/09/2018 yashyizwe mu bikorwa, abari mu nama banyurwa n'uburyo imyanzuro myinshi yashyizwe mu bikorwa.

Inama Njyanama isaba ko imyanzuro itarashyizwe mu bikorwa kandi yari yagenewe igihe yakihutishwa, nka raporo itarabonetse ku mwanzuro wa 14, yavugaga ku bibazo byari mu bitaro by'Akarere bya Gahini n'uburyo byari byahawe umurongo, Inama Njyanama yongera gusaba ko Inama y'Ubutegetsi (Board) y'Ibitaro ifashijwe na Komite Nyobozi y'Akarere bashyira mu bikorwa ibivugwa muri uwo mwanzuro, raporo y'uko byakozwe ikagezwa mu bunyamabanga bw'Inama Njyanama y'Akarere bitarenze icyumweru uhereye uyu munsi kuwa 28/12/2018 inama yateraniyeho.

Inama Njyanama kandi yemeje ko umubare w'amafaranga mbumbe (Total Own Revenues) yakagombye kuba yinjira mu Karere n'aho aturuka (Imisoro y'ubutaka, umusoro ku bukode, ipatante, amahoro y'isuku n'ibindi....), aho ibisora biherereye (Umurenge n'Akagari) n'ishami icyinjiza amafaranga giherereyemo, birimo gukurikiranwa na Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, byazaba byararangiye bitarenze ukwezi gutaha bikazagezwa mu nama y'Inama Njyanama yo mu gihembwe cya gatatu izaba muri Werurwe 2019.

Inama Njyanama yemeje ko hazabaho gukora icyegeranyo cy'imyanzuro yose yagiye ifatirwa mu nama zitandukanye z'Inama Njyanama, hagamijwe kureba ko imyanzuro yafatiwemo yashyizwe mu bikorwa, itarashyizwe mu bikorwa igakurikiranwa.

Inama Njyanama yasabye ko Abaturage bagifite ubutaka bubarizwa mu Mujyi wa Kayonza budakoreshwa icyo bwagenewe, bashishikarizwa kubukoresha icyo bwagenewe kimwe n'abadakorera inzuri, Ubuyobozi bw'Akarere ka Kayonza bukazafata izindi ngamba hakurikijwe amategeko.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije ufite mu nshingano Imibereho Myiza y'Abaturage yagejeje kubari mu nama inyandikomvugo y'umwiherero wabereye kuri Muhazi Beach Resort kuwa 24-25/11/2018 ugahuza Abajyanama b'Akarere, Komite Nyobozi y'Akarere, Abayobozi b'Amashami mu Karere, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara, inzego z'Umutekano zikora mu Karere ka Kayonza no mu Ntara y'Iburasirazuba, JADF, PSF mu Karere ka Kayonza, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge mu Karere ka Kayonza, umwiherero witabiriwe kandi n'abagize Inteko Nshingamategeko baturuka mu Karere ka Kayonza usozwa na Nyakubahwa Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba.

Bamaze kugezwaho imyanzuro yavuye muri uwo mwiherero, abari mu nama bayikorera ubugororangingo maze Inama Njyanama yemeza inyandikomvugo y'umwiherero wo kuwa 24-25/11/2018 ku bwumvikane busesuye.

Inama Njyanama isaba buri Muyobozi mu Karere ka Kayonza, Abajyanama kuva ku Karere kugera ku Kagari n'Abafatanyabikorwa kugira iyo mwanzuro inshingano no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryayo. Komite Nyobozi y'Akarere yasabwe ko yazagaragaza raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'iyo myanzuro mu Nama Njyanama itaha izaba muri Werurwe 2019.

- **INGINGO YA 2**

Abajyanama bakaba no muri Komite Nyobozi y'Akarere bagejeje kubari mu nama raporo y'ibikorwa byabo mu gihe cy'amezi atandatu ashize (Nyakanga-Ukuboza/2018) n'aho Imihigo y'Akarere 2018-2019 igeze ishyirwa mu bikorwa (Progress) hakurikijwe inkingi babarizwamo (Clusters), Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Imibereho Myiza anagaragaza uko ibibazo bibangamiye Imibereho Myiza y'Abaturage (Human Security Issues) bihagaze mu Karere ka Kayonza, abari mu nama bunguranaho ibitekerezo, maze bafata imyanzuro ikurikira:

**UMWANZURO WA 3**

Abari mu nama bemeje ko bakongera imbaraga mu guhashya Ruswa n'Akarengane n'ibindi byaha bibangamira Imibereho Myiza y'Abaturage, maze inama isaba Komite Nyobozi ko bakomeza gukorana bya hafi n'inzego zifite mu nshingano kurwanya ibyo byaha, by'umwihariko nka Transparence International Rwanda, Urwego rw'Umuvunyi ndetse n'inzego z'Umutekano kandi n'abaturage bagashishikarizwa gutanga amakuru no kunoza neza irondo ry'umwuga mu Midugudu yose igize Akarere ka Kayonza. Ibijyanye no kurwanya Ruswa n'Akarengane, Abagize Inama Njyanama bakazanabigarukaho mu bukangurambaga buzatangwa mu cyumweru cy'Umujyanama.

**UMWANZURO WA 4**

Inama Njyanama yemeje ko mu bikorwa byagaragajwe mu nkingi y'Imibereho Myiza, nta gahunda z'Urubyiruko n'iz'iby'iciro byihariye zirimo, inama isaba ko ubutaha byakwitabwaho hagaragazwa n'aho ishyirwa mu bikorwa ry'Imihigo (Progress) y'Urubyiruko igeze.

## UMWANZURO WA 5

Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi y'Akarere yakomeza kuvugana na Rwiyemezamirimo wambuye abaturage bakoze ku nyubako y'Umurenge wa Ruramira ndetse na Poste de Sante ya Ruramira, kugirango azazane ku Karere amakuru yose akenewe yakwifashishwa kugirango abo baturage bishyurwe.

## UMWANZURO WA 6

Inama Njyanama yemeje ko imirimo irimo gukorwa kugirango ikibuga cy'imyidagaduro cy'abafite ubumuga kiri mu murenge wa Mukarange gishyirwe mu mwanya yakwihutishwa, bityo gitangire gukoreshwa icyo cyateganirijwe, kandi abantu bari muri icyo cyiciro (NCPD) babarizwa mu Bitaro by'Akarere bya Gahini, hakomeze gukorwa ubuvugizi ku buryo nabo bavurirwa muri ibyo Bitaro bakoresheje ubwisungane mu kwivuza (MUSA).

- **INGINGO YA 3**

Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage yagejeje ku bari mu nama amakuru ku bibazo bibangamiye imibereho myiza y'umuturage (Human Security Issues), abari mu nama bunguranaho ibitekerezo, maze Inama Njyanama ifata umwanzuro ukurikira:

## UMWANZURO WA 7

Inama Njyanama yifuje ko mbere y'uko inzego z'ubuyobozi zireba ibitagenda neza ku ruhande rw'umuturage, izo nzego nazo ubwazo zabanza zikaba intangarugero mubyo bajya gukemura mu miryango ituye mu Mirenge cyangwa mu Tugari bayoboye. Urugero: nk'isuku mu bwiherero mu nyubako zitangirwamo serivice.

Inama Njyanama kandi yifuje ko ingamba zafatiwe mu Mwiherero wo kuwa 24-25/11/2018, zashyirwa mu bikorwa, amazu yo muri Human Security yari kuba yararangiye kuwa 15/12/2018 akaba atararangira byakwihutishwa, ahari inzitizi zituma igikorwa kitarangira zikamenyekanishwa mu nzego zitandukanye kugirango hakorwe ubuvugizi.

➢ **INGINGO YA 4**

**UMWANZURO WA 8**

Uwagize uruhare (Consultant) mu gutegura District Development Strategy (DDS 2017-2024) y'Akarere ka Kayonza yagejeje kubari mu nama ibiyikubiyemo, nk'uko kandi inzego zitandukanye zari zarayitanzeho ibitekerezo, na Komisiyo zigize Inama Njyanama zikaba zaragize umwanya uhagije wo kuyitangaho ibitekerezo no gufatanya mu itegurwa ryayo, abari mu nama bashimye uburyo iteguye n'uburyo ibitekerezo byabo byashyizwe muri iyo DDS, maze Inama Njyanama iyemeza ku bwiganze busesuye. Inama Njyanama isaba ko yazamenyeshwa abafatanyabikorwa n'abaturage ba Kayonza kandi Imihigo y'Akarere ya buri mwaka ikajya ivomwa muri iyo DDS 2017-2024 hagendewe ku gikorwa cyifujwe n'abaturage ku bwinshi kandi gihindura ubuzima bwabo.

➢ **INGINGO YA 5**

**UMWANZURO WA 9**

Abari mu nama bagejejweho n'Umunyamabanga wa Komisiyo y'Imibereho Myiza y'Abaturage raporo ku mishinga y'ubudehe yo kubaka ECDs zo mu Midugudu 2016-2017 na 2017-2018 mu murenge wa Gahini, aho imishinga yatangiye ariko ntirangire kandi yatwaye amafaranga n'imbaraga z'Abaturage, iyi Komisiyo yifuza ko umwazuro wayo wo kugenzura imikorere y'uwo mushinga n'ishyirwa mu bikorwa ry'imishinga nk'iyo y'ubudehe no mu yindi mirenge igize Akarere washyigikirwa, abari mu nama bungurana ibitekerezo kuri iki cyifuzo basanga ari ngombwa ko kugirango izo nyubako zuzure zinakoreshwe icyo zateganirijwe, habaho kumenya umubare wazo mu Karere kose, kumenya amafaranga akenewe kugirango izo nyubako zuzuzwe zikoreshwe icyo zateganirijwe n'impamvu zadindiye kugirango zifatirwe ingamba hirindwa ko byazongera, maze Inama Njyanama yemeza ko Komite Ngenzuzi y'Inama Njyanama izakurikirana iby'iyo mishinga y'ubudehe mu kubaka ECDs mu Karere ka Kayonza mu rwego rw'ubudehe bwo mu mwaka wa 2016-2017 na 2017-2018, ikazageza raporo yabyo ku nama y'Abaperezida itaha.

**UMWANZURO WA 10**

Umuyobozi wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yagejeje kubari mu nama igikorwa kigikomeza cyo kumenya umusaruro mbumbe uva mubyo Akarere kinjiza biturutse ku misoro

n'amahoro (Own Revenues), Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu imaze igihe ifatanya n'Abayobozi b'amashami bo muri Cluster y'Ubukungu, ariko hakaba hari imbogamizi z'uko Abakozi batihutisha ibyo baba basabwe na Komisiyo, maze Inama Njyanama isaba Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Imari n'Iterembere ry'Ubukungu kubikurikirana, maze mu Nama Njyanama yo mu gihembwe cya gatatu bikazaba byararangiye.

**UMWANZURO WA 11**

Umuyobozi wa Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yagejeje kubari mu Nama Njyanama icyifuzo cya Komisiyo cy'uko Abajyanama bazajya bitabira umuganda usoza ukwezi muri za Komisiyo babarizwamo rimwe mu gihembwe, Akarere kakazagena aho Komisiyo ijya gukorera umuganda n'uburyo bwo kugerayo, ikindi gihe Umujyanama akajya yitabira umuganda mu murenge yatorewemo. Inama Njyanama ishyigikira uwo mwanzuro.

- **INGINGO YA 6**

**UMWANZURO WA 12**

Abari mu nama bagejejweho n'Umuyobozi w'Inama Njyanama inzandiko zari zaturutse mu buyobozi bw'Akarere zasabaga Inama Njyanama gufata umwanzuro kubyo ubuyobozi bw'Akarere bwari bwagaragaje ku mishinga ya SOYCO na RFTC, ndetse no gufata umwanzuro ku kibazo cya SURUDI.

Inama Njyanama imaze gusuzuma izo nyandiko igasanga hakenewe ubusesenguzi yemeje ko zoherezwa muri Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu ikazafatanya na Komite Ngenzuzi y'Inama Njyanama (Audit Committee), izo nzego zombi zishamikiye ku Nama Njyanama zikazigira hamwe ibikubiye muri izo nyandiko maze umwanzuro bazafata bakazawugeza mu nama y'Inama Njyanama izakurikira yaba isanzwe cyangwa idasanzwe.

Abari mu nama bagejejweho n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije ufite mu nshingano Imibereho Myiza y'Abaturage, umwanzuro wafatiwe mu nama y'Abaperezida y'Inama Njyanama y'Akarere, yifuza ko Inama Njyanama yakwemeza ko Dr NGABIRE NKUNDA Philippe, Umuyobozi w'Ibitaro by'Akarere bya Gahini yaba umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi (Board) ya Farumasi y'Akarere asimbura Dr MUSABYIMANA Joseph utagikorera mu Bitaro by'Akarere bya Gahini, Inama Njyanama ifata umwanzuro ukurikira:

## UMWANZURO WA 13

Hashingiwe ku itegeko n° 20/45 ryo kuwa 02/11/2010 rishyiraho uburyo Farumasi y'Akarere ijyaho, Inama Njyanama yemeje ko Dr NGABIRE NKUNDA Philippe asimbura Dr MUSABYIMANA Joseph mu Nama y'Ubutegetsi (Board) ya Farumasi y'Akarere kuko Dr MUSABYIMANA Joseph atagikorera mu Bitaro by'Akarere bya Gahini ndetse atagikorera mu Karere ka Kayonza.

## UMWANZURO WA 14

Abari mu nama bagejejweho n'Umuyobozi w'Inama Njyanama ko Abajyanama twakongera tugashyira mu bikorwa icyumweru cyahariwe Umujyanama, abari mu nama bungurana ibitekerezo kuri iyo ngingo bemeza ko mu cyumweru cya kabiri cy'ukwezi kwa Mutarama/2019 iyo gahunda yashyirwa mu bikorwa.

Inama Njyanama kandi yashyizeho Komisiyo idasanzwe iziga ku bikorwa Abajyanama bazagenera abaturage muri icyo cyumweru, igizwe n'Abajyanama bane aribo: MUKAMUSONERA Dativa, MWISENEZA J. Claude, NYANDWI Gilbert na KAYITANA Fred.

Inama Njyanama yasabye abagize iyo Komisiyo idasanzwe ko mu gihe cy'icyumweru kimwe (one week) uhereye umunsi inama yateraniyeho bazaba batanze igisubizo cy'ibyo basabwe mu Biro by'Inama Njyanama.

## UMWANZURO WA 15

Umuyobozi w'Inama Njyanama yagejeje kubari mu nama impamvu y'iyi ngingo, uruhare rw'Inama Njyanama y'Umurenge n'iy'Akagari mu kwesa Imihigo y'Akarere, abari mu nama bayunguranaho ibitekerezo bafata umwanzuro ukurikira:

Inama Njyanama zo mu Mirenge n'Utugari zizajya ziterana uko itegeko ribiteganya, zizakurikirana Imihigo n'ibibazo bibangamiye Imibereho Myiza y'Abaturage kandi zibitangire raporo.

Inama yasoje imirimo saa kumi n'imwe n'iminota mirongo itanu n'itanu (17h55), Umuyobozi wayo ashimira abitabiriye bose aha ikaze mu mirimo y'Inama Njyanama Umujyanama wari umaze igihe yaragiye kwiga hanze y'Igihugu anifuriza abari mu nama bose umwaka mushya muhire wa 2019.

**MUSABYEMARIYA Thérèse**

**Umwanditsi w'Inama**

**MUKAMUYENZI Valentine**

**Umuyobozi w'Inama**

## URUTONDE RW'ABAJYANAMA B'AKARERE KA KAYONZA BITABIRIYE INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE YO KUWA 28/12/2018

| NO | AMAZINA | UMURENGE YATOREWEMO | AHO ATUYE | ISAHA | GENDER | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | BIDERI John Bonds | MUKARANGE | KIGALI | 11.00 | M | |
| 2 | GACINYA Faustin | MURAMA | KIGALI | 9h00 | ♂ | |
| 3 | GAKUMBA Geoffrey | RWINKWAVU | RWINKWAVU | 9h00' | ♂ | |
| 4 | GAKUMBA Robert | RWINKWAVU | KIGALI | 9h00' | M | |
| 5 | HAGENIMANA Emmanuel | RWINKWAVU | RWINKWAVU | 9h00 | M | |
| 6 | HARERIMANA J Damascene | MWILI | MUKARANGE | 9h00' | M | |
| 7 | IRADUKUNDA Eugenie | MURUNDI | RUHANGO | 9h00' | F | |
| 8 | KANAMUGIRE Pascal | RUKARA | RUKARA | | | |
| 9 | KARAMA Joseph | KABARE | KABARE | 10h00 | M | |
| 10 | KAYITANA Fred | MURUNDI | KIGALI | 10h00 | ♂ | |
| 11 | MUKAKABANO Evelyne | RWINKWAVU | RWINKWAVU | | | |
| 12 | MUKAMUSONERA Dative | MUKARANGE | MUKARANGE | 8h00 | F | |
| 13 | MUKAMUSONI Angelique | GAHINI | GAHINI | 9h00 | F | |
| 14 | MUKAMUYENZI Valentine | NYAMIRAMA | MUKARANGE | 9h00 | F | |
| 15 | MUKANDAYISABYE Magreth | NDEGO | KIGALI | 9h00 | F | |
| 16 | MUKARUSAGARA Beata | RUKARA | RUKARA | 9h00 | F | |
| 17 | MUNGANYINKA Hope | KABARONDO | MUKARANGE | 9h00 | F | |
| 18 | MURENZI Jean Claude | GAHINI | MUKARANGE | 9'00h | M | |
| 19 | MUSABYEMARIYA Therese | RURAMIRA | KABARONDO | 9h00' | F | |
| 20 | MUSABYIMANA Anathalie | KABARONDO | KABARONDO | 9h00' | F | |
| 21 | MUTANGANA Eugene | NDEGO | KIGALI | | | |
| 22 | MWISENEZA Jean Claude | NYAMIRAMA | KIGALI | 9h00 | M | |
| 23 | MWISENEZA Safina | KABARE | KABARE | 9h00 | F | |
| 24 | NYANDWI Gilbert | RURAMIRA | GAHINI | 9h00' | M | |
| 25 | RUGIGANA Jean Bosco | KABARONDO | KABARONDO | 9h00' | M | |
| 26 | ZIGIRA Alphonse | MURUNDI | KIGALI | 10h00 | M | |